

IKINYARWANDA

Itariki : 19/06/2024

Isaha : 9h30-10h30



IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3

UMWAKA WA: GATATU (P3)

Amanota:

..... /40

IBICE	AMANOTA MURI CA-MIS
1. Ubumenyi rusange bw'ururimi	/10
2. Ikibonezamvugo	/10
3. Gusoma udategwa	Amagambo yasomye mu munota
4. Kumva umwandiko	/10

AMAZINA:

UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI N'IKIBONEZAMVUGO

I. UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI

A. Imigani y'imigenurano (amanota 5)

Uzuza imigani ikurikira

-gatera amatsiko.
- Igiti kigororwa.....
-ntikamenya iyo bweze.

4. Kora ndebe.....

5.ni iya mweru.

B. Ibisakuzo (amanota 5)

Ukoresheje akambi, huza igisakuzo n'igisubizo cyacyo, ubyandike ukurikije urugero wahawe

	A	B
1	Ko undeba ndaguha!	Ifundi
2	Sogokuru aryoha aboze !	Amashyiga
3	Icwende ryange rimbaye kure mba ngukoreyemo !	Ukwezi
4	Inka yanjye nyikama igaramye !	Igihumyo
5	Tuvuyemo umwe ntitwarya !	Umeneke
6	Abana bange bangana bose !	Imyenge y'inzu
7	Nshinze umwe ndasakara !	Umuvure

Urugero:

Sogokuru aryoha aboze → **umuneke**

Abana bange bangana bose → **Ifundi**

.....

.....

.....

.....

.....

II. IKIBONEZAMVUGO (amanota 10)

A. Shyira utwatuzo dukwiye muri izi nteruro (amanota 5)

Urugero:

- a) Ufite imyaka ingahe → Ufite imyaka ingahe?
- b) Yooo Mbega umwana mwiza! → Yooo! Mbega umwana mwiza!

1. Umwarimu yababwiye ati: Ntimugasibe ishuri.
2. Muzadusura ryari
3. Mbega umugabo munini
4. Yaguze imboga imbuto imyenda n'udukinisho.
5. Umwana mwiza yumvira ababyeyi be

B. Simbuza ijambo ritsindagiye **impuzanyito** ukuye mu magambo ari mu dukubo nurangiza **uryandike** (amanota 2.5)

Urugero:

- a) **Abakobwa** ba Kamanzi ni abahanga. (abakambwe, abana, abangavu):
abangavu
- b) Yagize amanota meza **aranezerwa** (ararira, arishima, ararakara): **arishima**

1. Uyu mwana akunda **ibiryo**. (amata, amafunguro, imineke)

.....

2. Iwacu duturanye n'**umukungu**. (umunebwe, umworozi, umukire)

.....

3. Yavuye kwivuza ubu ni **mutaraga**. (muzima, mugufi, mutagatifu)

.....

4. Abanyeshuri basabwa gukora **bwangu** imyitozo bahawe. (vuba, buhoro, cyane)

.....

5. Kubwimana yigana **umwete** amasomo ye yose. (umuhanda, umwanda, umurava)

.....

C. Simbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira **imbusane** zayo
(amanota 2.5)

Urugero:

(a) Tuzaruhuka mu **mpera** z'uku kwezi → Tuzaruhuka mu **ntangiriro** z'uku
kwezi.

(b) Ibitabo bye abibika **munsi** y'ibyange → Ibitabo bye abibika **hejuru** y'ibyange.

1. Higiye yiga **hafi** y'iwabo

.....

2. Keza **ababazwa** n'iki?

.....

3. Kamana yabaye **umukene**.

.....

4. Uyu mwana agira **isuku**.

.....

5. **Abahungu** bakunda gukina.

.....

URUPAPURO RUGENEWE UMWARIMU WENYINE

IKINYARWANDA
Itariki : 19/06/2024
Isaha : 8h30-10h30



IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3

UMWAKA WA: 3

Amanota:

..... /40

AMABWIRIZA RUSANGE

- Ikizamini k'Ikinyarwanda mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza kimenyerewe ku izina rya LEGRA gikorwa mu minsi ibiri.
- Umunsi wa mbere w'ikizamini umwarimu asuzumira abanyeshuri bose hamwe mu ishuri.
- Umunsi wa kabiri w'ikizamini umwarimu asuzuma buri munyeshuri ku giti ke, amusomesha umwandiko wateganyijwe hanyuma akamubaza n'ibibazo byo kumva umwandiko.
- Ikizamini giteguye ku manota 40 ahindurwa ku manota 80 nyuma yo kuyinjiza muri CA-MIS.

IKIZAMINI K'IKINYARWANDA(LEGRA)

Umwaka wa 3

Igihembwe cya gatatu 2022-2023

Amanota 40

Amabwiriza rusange ku banyeshuri bakeneye ubufasha bwihariye

- Ku banyeshuri bakeneye ubufasha bwihariye, bahe igihe gikwiye kugira ngo babashe gusubiza ibibazo by'isuzuma.
- Ha abanyeshuri bose amahirwe yo gusubiza mu buryo butandukanye buboroheye (gusubiza bandika, bashushanya, bigana mu mikino ndetse n'ibindi byose byafasha umunyeshuri mu gusubiza).
- Ikoresha ry'ururimi rw'amarenga ndetse n'ubundi buryo bwose bwafasha abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga ni ihame.
- Ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona, aho bishoboka ukoreshe inyandiko ya "Braille" ibafasha gusoma. Mu gihe inyandiko ya "Braille" itabonetse, somera umunyeshuri inkuru, umubaze ibibazo ku nkuru na we agusubize.
- Mu gihe k'isuzuma wite ku mwihariko wa buri munyeshuri mu ishuri maze uteganye uburyo bwo kumufasha budaheza (harimo kongera ingano y'inyandiko ku bafite ikibazo cy' amaso, kwica umunyeshuri ufite ikibazo cyo kutumva imbere kugira ngo abashe gukurikira neza, kugerageza gufungura amadirishya neza n'umuryango kugira ngo urumuri rwinjire neza mu ishuri).
- Ku banyeshuri bafite ubumuga bw'imatekerereze iri hasi, ubabaze ibiri ku kigero cyabo kandi ugende ushyiramo akaruhuko k'amasegonda cyangwa iminota mikeya hagati mu ibazwa.

Umunsi wa mbere

UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI N'IKIBONEZAMVUGO

Ikitonderwa

- Ku banyeshuri bafite ubumuga bwo kutabona barandika bakoresheje ibikoresho byabugenewe bibafasha kwandika mu nyandiko ya “Braille”.
- Ku banyeshuri bafite ubumuga bw'ingingo ubahe amahirwe yo gusubiza bavuga cyangwa se bakoreshe ubundi buryo buboroheye.

I. UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI

A. Imigani y'imigenurano (amanota 5)

Uzuza imigani ikurikira :

Urugero:

- (a)ashima ubwe→ **Utazi ubwenge** ashima ubwe.
(b) Nyamwanga kumva.....→ Nyamwanga kumva **ntiyanze kubona**.

1.gatera amatsiko.
2. Igiti kigororwa.....
3.ntikamenya iyo bweze.
4. Kora ndebe.....
5.ni iya mweru.

B. Ibisakuzo (amanota 5)

Ukoresheje akambi, huza igisakuzo n'igisubizo cyacyo, ubyandike ukurikije urugero wahawe

	A	B
1	Ko undeba ndaguha!	Ifundi
2	Sogokuru aryoha aboze !	Amashyiga
3	Icwende ryange rimbaye kure mba ngukoreyemo !	Ukwezi
4	Inka yanjye nyikama igaramye !	Igihumyo
5	Tuvuyemo umwe ntitwarya !	Umeneke
6	Abana bange bangana bose !	Imyenge y'inzu
7	Nshinze umwe ndasakara !	Umuvure

Urugero:

Sogokuru aryoha aboze → **umuneke**

Abana bange bangana bose → **Ifundi**

II. IKIBONEZAMVUGO (amanota 10)

A. Shyira utwatuzo dukwiye muri izi nteruro (amanota 5)

Urugero:

(a) Ufite imyaka ingahe → Ufite imyaka ingahe?

(b) Yooo Mbega umwana mwiza! → Yooo! Mbega umwana mwiza!

1. Umwarimu yababwiye ati: Ntimugasibe ishuri.
2. Muzadusura ryari
3. Mbega umugabo munini
4. Yaguze imboga imbuto imyenda n'udukinisho.
5. Umwana mwiza yumvira ababyeyi be

B. Simbuza ijambo ritsindagiye **impuzanyito ukuye mu magambo ari mu dukubo nurangiza **uryandike** (amanota 2.5)**

Urugero:

(a) **Abakobwa** ba Kamanzi ni abahanga. (abakambwe, abana, abangavu):
abangavu

(b) Yagize amanota meza **aranezerwa** (ararira, arishima, ararakara): **arishima**

1. Uyu mwana akunda **ibiryo**. (amata, amafunguro, imineke)

.....

2. Iwacu duturanye n' **umukungu**. (umunebwe, umworozi, umukire)

.....

3. Yavuye kwivuka ubu ni **mutaraga**. (muzima, mugufi, mutagatifu)

.....

4. Abanyeshuri basabwa gukora **bwangu** imyitoto bahawe. (vuba, buhoro, cyane)

.....

5. Kubwimana yigana **umwete** amasomo ye yose. (umuhanda, umwanda, umurava)

.....

C. Simbuza amagambo atsindagiye mu nteruro **imbusane** zayo. (**amanota 2.5**)

Urugero:

(a) Tuzaruhuka mu **mpera** z'uku kwezi → Tuzaruhuka mu **ntangiriro** z'uku kwezi.

(b) Ibitabo bye abibika **munsi** y'ibyangе → Ibitabo bye abibika **hejuru** y'ibyangе.

1. Higiye yiga **hafi** y'iwabo →

2. Keza **ababazwa** n'iki? →

3. Kamana yabaye **umukene**. →

4. Uyu mwana agira **isuku**. →

5. **Abahungu** bakunda gukina. →